URUZINDUKO RW'UMWEPISKOPI MURI PARUWASI YA RUSUSA

Kuri iki Cyumweru tariki ya 16 Ukuboza 2018 Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yagiriye uruzinduko muri Paruwasi ya Rususa iri mu Karere ka Ngororero. Uruzinduko rwe rwahuriranye n'ibikorwa binyuranye yahakoreye ari byo : Guha umugisha no gutaha ku mugaragaro inzu igomba guturwamo n'ababikira Missionnaire de Jésus Marie et Joseph; kwimika ishusho ya Bikira Mariya Nyina wa Jambo waragijwe iyo Paruwasi; guha ubutumwa abagabuzi b'ingoboka b'Ukaristiya no guha ubutumwa abakateshisite. Kuri iki cyumweru cy'ibyishimo koko ibi birori byitabiriwe n'abayobozi bakuru b'Akarere ka Ngororero, Mayor, Polisi, n'Ingabo. Mu gitambo cya Missa Umwepiskopi yatanze ubutumwa bukurikira :

Bakristu bavandimwe ba Paruwasi ya Rususa, mbanje kubaramutsa mwese kandi mbifuriza icyumweru cyiza. Kristu Yezu akuzwe.

Tugeze ku cyumweru cya gatatu cy'Advent, icyumweru bita ''ICYUMWERU CY'IBYISHIMO'', cyangwa Icyumweru cya 'GAUDETE' mu rurimi rw'ikilatini.

Umuntu akaba yahita yibaza ati : haba hari icyumweru kitari icy'ibyishimo se ? Ese mu byumweru byose kuki ari kino bahisemo kwita icy'ibyishimo ? Ese ibyo byishimo byaba ari byabindi dusanzwe tuzi ? Mu by'ukuri ibyo byishimo ni ibihe ? Byaba biteye bite ?

Twese turabizi, igihe cya Advent ni igihe kigera ku byumweru bine twitegura umukiza uzavukira i Betelehemu, ariko atari ho honyine gusa, ahubwo no mu ngo zacu, no mu mitima y'abazaba baramwiteguye neza. Bityo rero kuri abo

bamwiteguye neza, kino cyumweru cya agatatu kibanziriza icya nyuma, nticyabura kuba icyumweru cy'ibyishimo. Nyamara ibyo byishimo ntabwo ari ibibonetse byose. Ntabwo ari bya byishimo by'umugizi wa nabi wigamba ko yahemutse. Ntabwo ari bya byishimo bitangwa n'iyi si yacu kubera ko wageze ku gikorwa iki n'iki, nyamara tukaba tuzi ko ibyo byishimo bitamara kabiri, kuko tubigira mu kandi kanya iy'isi yacu ikabitwambura. Ibyishimo tuvuga rero n'ibyishimo bikomoka ku Mana kandi bizahoraho iteka.

Mu isomo rya mbere, twumvise umuhanuzi Sofoniya agira ati: Rangurura ijwi wishime Mwari w'i Siyoni! Israheli hanika uririmbe! Uhoraho yirukanya abanzi bawe. Umwami wa Israheli, Uhoraho ubwe akurimo rwagati,ntuzongera gutinya icyago.

Mu gihe cy'umuhanuzi Sofoniya , ubutegetsi bwariho icyo gihe bwari bwaramunzwe na ruswa, abaturage barapfuye kubera akarengane,bibaza niba bashyira bakarenganurwa. None tumaze kumva ukuntu Imana yabatumyeho umuhanuzi Sofoniya kubabwira ko yirukanye abanzi babo. Iriya Israheli ibwirwa inkuru nziza yo kurenganurwa ni twebwe twese abana b'Imana. Ni wowe, ni jyewe, ni buri wese muri twebwe. Ese jyewe, wowe ntakintu na kimwe cyaba kidushikamiye? Ntakintu cyaba gishaka kugutandukanya n'Imana yawe, nta kintu cyaba gishaka gutokoza umubano wawe n'abandi. Uyu munsi nawe imana irashaka kuguhumuriza ikubwira ko inabi itazigera iganza ineza bibaho. Burya bimwe mu bintu bidushikamira bikagera naho biduhindura abacakara ntitubimenye , icyambere ni icyaha.

Niba uyu munsi twemeye guhinduka tukanoza umubano wacu n'Imana, n'abavandimwe bacu, Imana nayo ibonera kutwizeza ko izadukiza. Ngaho rero twibaze niba turi munzira nziza yo kwakira uwo mukiro. Ese aho sinaba njya mbuza abandi ibyishimo? Abo tubana mu rugo mbatera ibyishimo uko bikwiye? Abo duturanye ntawe naba mbangamira? Abo nyobora, nubaha uburenganzira bwabo? Abo dukorana ntawe naba mbera ikigusha? Abana Imana yampaye naba mbarera uko bikwiye, mbaha urugero rwiza? Ababyeyi Imana yampaye mbatera ibyishimo? Sinaba mbatera agahinda bibaza icyo bambyariye? Ibyo ni bimwe mu bibazo twakwibaza kuri iiki cyumweru cyiswe Icyumweru cy'ibyishimo duhereye kuri rya somo rya mbere twumvise. Ariko dufatiye no ku isomo rya kabiri, naho turabona ibyishimo bya Pawulo mutagatifu. Twabyumvise aho Pawulo mutagatifu yabwiraga Abanyafilipi ati: Mujye muhora mwishima muri Nyagasani. Kuko Nyagasani abari hafi. Twibuke ko Pawulo yavugaga ariya magambo ari mu buroko, ari imfungwa muri Gereza

azira kwamamaza YEZU!! Ese twebwe tujya duharanira ukuri ku buryo twanagupfira? Ese iyo turi mu byago tujya tugira ubutwari bwo kwibuka abandi? Nubwo Pawulo yari muri Gereza yari yishimye kandi akanifuriza abandi ibyishimo. Ibyishimo bye rero ntahandi yabikomoraga Atari ku Mana. Koko Nyagasani aduhora hafi niyo turi mu byago twibwira ko Imana yadutereranye, ntitukihebe ngo duheranwe n'agahinda, n'amaganya. Inabi ntikigere itsinda ineza igomba kuba mu mitima yacu. Inabi ntizigera igira ijambo rya nyuma.

Kuri iki cyumweru cya gatatu cya Advent, icyumweru cy'ibyishimo nk'uko tumaze kubibona, nitumere nk'iriya nteko y'abantu twumvise mu Ivanjili, maze natwe tubaze ngo: Dukore iki kugira ngo kuri Noheli Yezu azavukire mu mitima yacu, mu ngo zacu? Twumvise ko inteko z'abantu zasangaga Yohani ngo ababatize, maze bakamubaza bati : Tubigenze dute? Ufite amakanzu abiri agabane n'utayafite. Abasoresha ntibagasoreshe ibirenze ibyategetswe. Abasirikari ntibakagire uwo barenganya kandi banyurwe n'igihembo cyabo.

Bakristu bavandimwe, ijambo ry'Imana twakomeje kumva muri ibi byumweru bibiri turangije bya Advent, ryakomeje kudusaba kunoza umubano wacu n'Imana. Iki cyumweru kizanye umwihariko wo kunoza umubano wacu n'abagenzi bacu. Niyo mpamvu Yohani abwira abantu gusangira, kugabana n'abadafite na busa. Igihe cya Advent ni igihe cyo gutabara abababaye, abatishoboye, abarwayi,… n'abandi bose babanyantege nke bakeneye ubufasha bwacu. Ese ibyo turabigerageza? Tubishyiraho umutima muri iki gihe cya Advent by'umwihariko?

Yohani yabwiraga abasoresha kutarenza ibyategetwe n'amategeko nk'uko n'uyu munsi byasabwa. Muri icyo gihe cya Yohani na Yezu, abasoresha bari abantu bashinzwe gukusanya imisoro yahabwaga abaromani. Aka ya mvugo rero tuzi n'uyu munsi ngo: ntawe ukira atibye, ntawe uragira izo adakama, barenzagah bakishakira n'ayabo. Yohani nta kindi yabasabye , yarababwiye gusa ati: Ntimugasoreshe ibirenze ibyateganyijwe n'amategeko. Mu mvugo y'uyu munsi dusigaye tubyita gutekinika. Ese njyewe, ese wowe, ntiwaba utekinika mu kazi ukora? Mu rugo rwawe? Mu bo mubana? Niba rero dusha ko Yezu azavukira mu mitima yacu, turasabwa guhinduka. Mu mubano wacu na Yezu, mu mubano wacu n'abavandimwe bacu, ari bo bavandimwe ba Yezu, ntihagomba kubamo gutekinika. Hagomba kubamo ukuri gusesuye.

Hagomba kubamo umubano uzira amakemwa,twirinda kugira uwo turenganya, uwo duhemukira. Twibuka cyane cyane ya Vanjili ya Yezu aho atubwira ko uwo mukene uciye bugufi, iyo mfubyi, uwo mupfakazi twirengagiza, ari we Yezu ubwe tuba tuba twirengagije, ari Yezu ubwe duhohoteye.

Abo bantu bo ku gihe cya Yezu barenganyaga abandi n'uyu munsi bariho. Hari abifuza kuba barya utwabo bakarya n'utwabandi. Hari abadatinya umugayo bagakora ibidakwiye nko kwiba ibyabandi, gufata abana ku ngufu bivugwa hirya no hino mu gihugu cyacu, n'izindi ngeso mbi twumva buri munsi zigenda ziyongera. Ese njyewe , ese wowe, ntawe waba wararenganyije witwaje uwo uri we? Witwaje imbaraga ufite? Witwaje akazi ukora? Witwaje izina ufite? Niba dushaka ko Yezu azavukira mu mitima yacu, mu ngo zacu kuri Noheli, turasabwa guhinduka.

Bakristu, Bavandimwe, mu kanya turaza guhurira ahangaha ku meza matagatifu dusangira umubiri wa Kristu, ikimenyetso gikuru cy'ubuvandimwe bwacu. Tuze kumusaba ngo uko duhurira ku meza amwe dusangira umubiri we, bijye biduha imbaraga zo guhora duharanira bya byishimo bimukomokaho, bitari bya bindi by'isi bishirana n'ibihe. Tumusabe kujya tunyurwa n'ibyishimo bimukomokaho, kandi tunabisangize abandi. Ibyishimo turonkera mu bikorwa byo kugoboka bagenzi bacu, nk'uko tunabifitemo umugambi muri Diyosezi yacu cyane cyane muri uyu mwaka twifuza kurangwa n'ibikorwa n'urukundo, rwa rundi rugaragarira mu bikorwa by'impuhwe. Ibyishimo duterwa no kutagira uwo turenganya, maze kuri Noheli Umwana Yezu azasange tumwiteguye koko.

Nyagasani yezu nabane namwe.

Abagabuzi b’ingoboka b’Ukaristiya 44 n’abakateshisite 36 bahabwa ubutumwa n’umwepiskopi imbere y’abakristu ba Paruwasi ya Rususa.

Ingoro ya Bikira Mariya Nyina wa Jambo yatashye ari na We waragijwe Paruwasi ya Rususa.

Umwepiskopi afungura ku mugaragaro inzu y'ababikira i Rususa yuzuye mu gihe cy'amezi 6 gusa. Yari kumwe n'Umubikira mukuru w'uyu muryango ku isi hose Sr. Luz Donez na Mayor w'Akarere ka Ngororero.

Nyuma yo gufungura ku mugaragaro inzu, yameje ayiha umugisha, atagatifuza Alitari iri muri Shapeli yabo na Tabernacle yahoo. Uwo murimo ukomeye urangiye, ababikira bakiriye abashyitsi muri iyo nzu nshya.

Mu magambo yahavugiwe, Mayor w'Akarere ka ngororero yashimiye Umwepiskopi ku bufatanye bugaragara hagati y'ubuyobozi bwite bwa Leta na Kiliziya nawe abizeza ubufatanye. Yashimiye Umwepiskopi ku gikorwa cy'inzu y'Ababikira yubatswe vuba kandi neza ikaba kandi igezweho. Mu ijambo Umubikira Mukuru Sr. Luz Donez yavuze, yashimiye cyane Umwepiskopi, ashima ubuyobozi bwa Paruwasi n'abakristu ba Paruwasi ya Rususa uko bakiriye ababikira neza kugeza ubu. Yashimiye Umwepiskopi inzu nziza ihawe ababikira ko izabafasha kurangiza neza ubutumwa bwabo muri Paruwasi ya Rususa.

Nyuma y'ibirori byahabereye Umwepiskopi yashimiye abayobozi bitabiriye uwo munsi abizeza ubufatanye mu bikorwa by'iterambere mu Karere ka Ngororero. Yashimiye kandi abakristu ba Paruwasi ya Rususa uko bakomeje kwiyubakira Paruwasi yabo. Yabashimiye ibikorwa byinshi kandi byiza bagezeho muri uyu mwaka. Ahereye ku bakuru b'Imiryangoremezo bose bari bahari kugeza kuri Komite zose za Paruwasi yabashimiye ubwitange bugaragara muri Paruwasi ya Rususa, abasaba ko bwakomeza ndetse bakarushaho n'abandi bakajya baza kubigiraho. Ati 'Paruwasi ni iyanyu, mujye mufatanya n'abapadiri mufite mugere ku iterambere ryiza kandi rirambye'. Yashoje abifuriza kuzagira Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2019.

Padiri KWIZERA Jean Marie